**CONSTITUTION OF THE « KING FAISAL HOSPITAL KIGALI » NON-PROFIT MAKING ASSOCIATION**

The undersigned, on the 22ND day of February in the year 2005, gathered in the General Assembly Meeting;

Wishing to promote the health sector and with reference to the health policy of the Government of Rwanda;

Created is a non-profit making association called "King Faisal Hospital Kigali", hereinafter the "KFH Kigali" or where appropriate the "association", governed by the Rwandan regulations in force regarding non-profit making associations and adopt the present constitution whose text follows:

**<u>CHAPTER ONE</u>: DENOMINATION, HEADQUARTERS, DURATION AND PURPOSE**

**<u>Article one:</u>**

A non-profit making Association named "King Faisal Hospital, Kigali" hereinafter "KFH Kigali" is created by the signatories to the present constitution in conformity with Law n° 20/2000 of 26th July 2000 regarding non-profit making associations.

The organization is created for an undetermined period of time.

**<u>Article 2 :</u>**

The headquarters of the association is located in Kacyiru District, Kigali City. It can be transferred to any other location within the territory of Rwanda, upon a decision of at least two-thirds (2/3) of members gathered in a General Assembly meeting.

**<u>Article 3 :</u>**

The objectives of the association are:

1. to endow the KFH Kigali with adequate capacity to provide health care to patients requiring its services or to those who are transferred to KFH by other hospitals;
2. to endow KFH Kigali with all necessary facilities, resources and means in such a way

**AMATEGEKO SHINGIRO Y'UMURYANGO UDAHARANIRA INYUNGU « IBITARO BY'UMWAMI FAYCAL KIGALI »**

Abagize Inteko Rusange ku itariki ya 22 z'ukwezi kwa Gashyantare 2005 barateranye bashyira umukono kuri aya mategeko shingiro.

Bagamije guteza imbere ubuvuzi, bashingiye kuri Politiki ya Repuburika y'u Rwanda yo kubungabunga ubuzima.

Bashyizeho umuryango udaharanira inyungu « IBITARO BY'UMWAMI FAYCAL KIGALI » mu magambo ahinnye HRF Kigali, ugengwa n'amategeko y' u Rwanda agenga imiryango idaharanira inyungu bemeje aya mategekoshingiro ateye mu buryo bukurikira :

**UMUTWE WA MBERE : IZINA, INTEBE , IGIHE N'INTEGO.**

**<u>Ingingo ya mbere :</u>**

Abashyize umukono ku masezerano b'aya mategeko shingiro bashyizeho umuryango udaharanira inyungu witwa « Ibitaro by'Umwami Faycal Kigali » mu magambo ahinnye « HRF KIGALI» nk'uko biteganywa n'itegeko n° 20/2000 ryo kuwa 26 nyakanga 2000 rigenga Imiryango idaharanira inyungu .
Igihe umuryango uzamara ntigiteganyijwe.

**<u>Ingingo ya 2 :</u>**

Intebe y'umuryango ishyizwe mu murenge wa Kacyiru, Umujyi wa Kigali. Ishobora kwimurirwa ahandi mu Rwanda byemejwe na 2/3 by' abanyamuryango bagize Inteko Rusange.

**<u>Ingingo ya 3 :</u>**

Umuryango ugamije ibi bikurikira :

1. Guha ubushobozi HRF Kigali bwo kuvura abarwayi babugana, n'abandi boherejwe n'ibindi bitaro.

2. Gutunganya inzego, ubushobozi n'uburyo bukenewe kugira ngo ntihabeho kwohereza

to reduce medical transfers abroad;
3. to turn the Hospital into a research and academic centre of excellence for healthcare professionals and other paramedics;
4. to undertake any other benevolent action deemed relevant in strengthening health care services provided in Rwanda.

abarwayi hanze ;
3. Gutuma HRF Kigali iba ikigo cy'ubushakashatsi, cy'amahugurwa n' inyigisho ku Baganga babigizeumwuga ;
4. Gukora ku buntu igikorwa cyose kirebana no kuzahura ubuvuzi mu Rwanda.

**Article 4 :**

The Association carries out its activities on the territory of the Republic of Rwanda, however it cannot operate outside Rwanda.

**Ingingo ya 4 :**

Umuryango ukorera k'ubutaka bwa Repubulika y'u Rwanda ariko ntushobora kurenga imipaka y'u Rwanda.

## CHAPTER II : MEMBERSHIP

## UMUTWE WA II : ABANYAMURYANGO

### Section one: Membership categories

### IGIKA CYA MBERE : INZEGO Z'ABANYAMURYANGO

**Article 5 :**

The Association comprises of founding, associate and honorary members.

**Ingingo ya 5:**

Umuryango ugizwe n'abanyamuryango bashinze umuryango, abanyamuryango babyemerewe n'abanyamuryango b'icyubahiro.

**Article 6 :**

Founding members are individuals and / or legal entities who are signatories to the present constitution.

Associate members are individuals and or legal entities who will have been endowed with that quality by the General Assembly in recognition of their subscription to the present constitution.

Honorary members are individuals, legal or physical entities to which the General Assembly will have conferred that quality but will have no voting rights.

Founding members and associate members are effective members of the association.

**Ingingo ya 6:**

Abanyamuryango bashinze umuryango ni abantu n'imiryango yashyize umukono kuri aya mategeko

Abanyamuryango bemerewe, ni abantu cyangwa imiryango nyuma yo kubisaba bekemerwa n'Inteko Rusange.

Abanyamuryango b'icyubahiro ni abantu cyangwa imiryango babyemerewe batyo n'Inteko Rusange .

Abanyamuryango bashinze umuryango n'abanyamuryango babyemerewe nibo banyamuryango nyabo b'umuryango.

### Section 2: Conditions for membership

### IGIKA CYA 2 : IBISABWA ABANYAMURYANGO

**Article 7 :**

Applications for membership shall be addressed to the association's Legal Representative who shall submit them to the General Assembly. The decision is taken by the General Assembly by at least a majority of two-thirds (2/3) vote.

**Ingingo ya 7 :**

Gusaba kwemererwa kuba umunyamuryango bisabwa uhagarariye umuryango wemewe n'amategeko ukabishyikiriza inteko rusange. Icyemezo gifatwa n'Inteko Rusange ku bwiganze bwa 2/3 by'abanyamuryango bahari.

**Article 8 :**

The following conditions must be fulfilled in order to become a member of the Association:

1. For legal entities: must have a legal status and have, in their social objectives, the promotion of healthcare or exercise activities aiming at the medical welfare and /or development of different social categories of the population living in Rwanda;
2. For individuals: must have a legal capacity and to intervene in the field of healthcare without pursuing any profit;
3. To adhere to and comply with the Association's constitution;
4. To agree to pay the annual contributions as set by the General Assembly;
5. To be nominated and seconded by at least two Founding Members.

**Article 9 :**

The status of honorary member is granted by the General Assembly for any body in recognition of their material, financial, intellectual or any other contribution in a benevolent way to the achievement of the association's objectives.

**Section 3: Loss of membership**

**Article 10 :**

Any member of the Association is at liberty to leave the association by tendering his/her resignation letter to the Chairperson of the General Assembly.

**Article 11 :**

Effective membership can be lost in the following cases:

1. After three non-justified absences in meeting;
2. Non-payment of annual subscription fees before the next general assembly;
3. Any conduct likely to tarnish the image of the association;
4. Non-respect of the constitution and Internal rules regulations of the association;
5. Dissolution of the association;

**Ingingo ya 8:**

Kugira ngo ube umunyamuryango wabyemerewe ugomba kuba wujuje ibi bikurikira :

1. Ku miryango igomba kuba ifite ubuzima gatozi kandi afite mu ntego zayo guteza imbere ubuzima kandi ikora ibikorwa bigamije gushyigikira ubuvuzi mu inzego z'imibereho y'abaturarwanda.
2. Ku bantu bagomba kuba bafite uburenganzira imbere y' amategeko kandi bagoboka mu by'ubuvuzi kandi badaharanira inyungu.
3. Kuba agengwa n'amategeko shingiro kandi biyemeje kuyagenderaho.
4. Kwemera kwishyura impano yagenwe n'Inteko Rusange za buri mwaka.
5. Kuba ahagarariwe n'abanyamuryango 2 bawushinze.

**Ingingo ya 9:**

Kuba umunyamuryango w'icyubahiro byemerwa n'Inteko Rusange bitewe n'inkunga y'ibikorwa, amafaranga y'ibitekerezo cyangwa indi iyo ariyo yose itishyuzwa atanze kugira ngo inteko z'umuryango zigerweho.

**IGIKA CYA 3 : KUREKA KUBA UMUNYAMURYANGO**

**Ingingo ya 10 :**

Buri munyamuryango afite uburenganzira bwo kuva mu muryango yandikiye Perezida w'Inteko Rusange ibaruwa isezera.

**Ingingo ya 11 :**

Kureka kuba umunyamuryango usanzwe biterwa :

1. Gusiba amanama inshuro 3 utabitangiye ibisobanuro
2. Kutishyura imisanzu ya buri mwaka mbere y'itariki y'inama ikurikira y'Inteko Rusange
3. Gukora igikorwa cyose gihesha isura mbi umuryango.
4. Kudakurikiza amategeko shingiro n'amategeko ngengamikorere
5. Guseswa k'umuryango
6. Kwegura kwemejwe n'Inteko Rusange.

| | |
|---|---|
| 6. Resignation noted and approved by the General Assembly; | |
| **<u>Article 12 :</u>** | **<u>Ingingo ya 12 :</u>** |
| The exclusion is effected at the General Assembly by at least two-third (2/3) majority vote of the active members. The excluded member then loses all his/her statutory rights. | Kwirukanwa cyangwa gusezererwa byemezwa n'inteko Rusange ku bwiganze bwa 2/3 by'abanyamuryango bahari. Umunyamuryango wirukanwe atakaza uburenganzira bwose ahabwa n'amategeko shingiro. |
| **<u>CHAPITRE III</u> : THE ORGANS OF THE ASSOCIATION** | **UMUTWE WA III : INZEGO Z'UMURYANGO** |
| **<u>Article 13:</u>** | **<u>Ingingo ya 13:</u>** |
| The organs of the Association are:<br>1. The General Assembly;<br>2. The Board of Directors; and<br>3. The Management team | Inzego z'ibanze z'umuryango ni izi zikurikira :<br>1. Inteko rusange<br>2. Inama y'ubuyobozi<br>3. Ubuyobozi bukuru |
| **<u>SECTION I</u> : THE GENERAL ASSEMBLY** | **IGIKA CYA MBERE : INTEKO RUSANGE** |
| **<u>Article 14:</u>** | **<u>Ingingo ya 14 :</u>** |
| The General Assembly is the supreme organ of the Association. It is composed of all effective members.<br><br>Honorary members can attend meetings of the General Assembly in an advisory capacity but have no voting rights. | Inteko rusange ni rwo rwego rw'ikirenga rw'umuryango. Igizwe n'abanyamuryango basanzwe.<br><br>Abanyamuryango b'icyubahiro bashobora kuza mu nama z'Inteko Rusange ariko ntibagire uburenganzira bwo gutora. |
| **<u>Article 15:</u>** | **<u>Ingingo ya 15 :</u>** |
| The General Assembly takes all decisions related to the purpose of the Association.<br><br>That is to:<br><br>1. define the Association's general policy;<br>2. determine the annual or periodic programs and activities of the Association;<br>3. approve the annual budget of the Association;<br>4. adopt the Association's Internal rules and regulations;<br>5. elect and dismiss members of the Board of Directors;<br>6. receive donations, legacies and gifts on behalf of the Association;<br>7. adopt and modify the Association's constitution; | Inteko Rusange ifata ibyemezo byose bireba umuryango. Ibyo ni nk'ibi :<br><br>1. Gushyiraho imiyoborere y'umuryango<br>2. Ishyiraho gahunda za buri mwaka z'ibikorwa by'umuryango.<br>3. Igena Ingengo y'Imari y'umwaka y'umuryango<br>4. Yemeza amategeko ngengamikorere y'umuryango<br>5. Itora kandi igahamagaza abanyamuryango b'Inama Nyobozi n'Inama y'ubuyobozi<br><br>6. yemera impano, Indagano n'ibindi bihawe umuryango<br>7. Yemera kandi ikanakosora amategeko shingiro y'umuryango<br>8. Yemeza iseswa no kwishyura imyenda by'umuryango |

8. decide on the dissolution and liquidation of the Association;
9. set the amount of the annual contribution;
10. appoint the liquidators and specify their mandate;
11. examine and approve the balance sheet and the activity report presented by the Board;
12. set the amount of the annual contribution;
13. examine and approve the Association's financial accounts, reports and receipts to the Board;
14. accept new members;
15. decide on the suspension and exclusion of Members.

The General Assembly can delegate some of its powers to the Board of Directors.

**Article 16:**

The General Assembly meets once a year in its ordinary session and at any time in its extraordinary session.

It is convened by at least two-thirds (2/3) of the effective members of the General Assembly, the chairperson or, in case of his / her absence or unexpected difficulty, his / her deputy.

The General Assembly can also meet upon notification by at least **three quarters (3/4)** of effective members in the absence of both the Legal Representative and the Deputy Legal Representative. In the latter case, the effective members elect a Chairperson to chair that particular meeting.

**Article 17:**

Invitations convening the ordinary General Assembly along with the agenda are sent to the Members at least fifteen days (15 days) prior to the convention of the General Assembly through registered mail or by ordinary mail with acknowledgement of receipt.

Only matters on the agenda and those agreed upon by at least one half (1/2) of the members present are discussed upon in an extraordinary meeting of the General Assembly.

9. Yemeza umubare w'imisanzu ya buri mwaka itangwa n'abanyamuryango
10. Ishyiraho abahombozi ikanagena na manda zabo.
11. Yiga kandi ikanemeza n'imibare y'ibibarurwa na raporo y'ibikorwa bishyikirizwa Inama Nyobozi.
12. Yemeza umubare w'imisanzu ya buri mwaka.
13. Yiga kandi ikemeza raporo y'ibibarurwa. by'umuryango kandi igaha ibyemezo Inama Nyobozi.
14. Yemera abanyamuryango bashya.
15. Yemeza ihagarikwa n'iyirukanwa ry'abanyamuryango.

Inteko rusange ishobora guha zimwe mu nshingno zayo Inama y'ubuyobozi.

**Ingingo ya 16 :**

Inteko Rusange iterana mu buryo busanzwe rimwe mu mwaka, mu buryo budasanzwe igihe cyose bibaye ngombwa.

Iterana ihamagajwe n'ubwiganze bw'abagize bibiri bya gatatu (2/3) by'abanyamuryango bagize Inteko Rusange, uhagarariye umuryango mu buryo bwemewe n'amategeko, yaba adahari igatumizwa n'uhagarariye umuryango wungirije wemewe n'amategeko.

Inteko Rusange ishobora guterana itumiwe na ¾ by'abanyamuryango basanzwe iyo uhagarariye umuryango n'umwungirije batabashije kuboneka. Iyo bigenze bityo abanyamuryango basanzwe bitoramo Perezida uyobora ibiganiro

**Ingingo ya 17:**

Ihamagazwa ririho umurongo w'ibyigwa rishyikirizwa inteko rusange byibuze mu minsi 15 mbere y'inama yayo. Itumizwa rikorwa mu nyandiko yihariye cyangwa isanzwe isinyweho.

Ibiganiro ntibishobora gushingira ku bibazo bitari ku murongo w'ibyigwa kandi byemejwe na kimwe cya kabiri cy'abanyamuryango bahari.

**Article 18:**

The General Assembly shall only meet when at least two-thirds (2/3) of effective members are present.

Without prejudice to article 15 of the present constitution, in case the quorum cannot be attained, the meeting is postponed and a statement is made to that effect. The Legal Representative must convene another meeting within fifteen days (15) thereafter of the postponed date. The meeting discusses the pre-established agenda and must proceed regardless of quorum.

The General Assembly Meeting decisions are passed by simple majority rule of members attending the meeting or represented by proxy.

In case the votes are equal, the Chairman has the casting vote.

**Article 19:**

The Director General mentioned under article 20 of this constitution is the secretary of the General Assembly.

He/ she shall draft the General Assembly meeting reports and jointly sign them with the Chairperson.

**SECTION II : THE BOARD OF DIRECTORS**

**Article 20:**

The Association shall be governed by the Board of Directors made of the Chairperson, who is also the Legal Representative, the Vice-chairperson, who is the Deputy Legal Representative, as well as five members.

They are all elected by the General Assembly for a period of three (3) years renewable once.

The Director General attends the meeting of the Board of Directors in an advisory capacity. He/she shall also serve as its secretary.

**Article 21:**

**Ingingo ya 18:**

Inteko rusange iterana byemewe n'amategeko iyo 2/3 by'abanyamuryango basanzwe bahari.

Bitanyuranije n'Ingingo ya 15 , iyo umubare usabwa utuzuye, inama irimurwa noneho hagakorwa inyandiko mvugo.
Uhagarariye umuryango asabwa gutumiza indi nama igomba guterana mu minsi 15 ikurikira inama yasubitswe. Iyo nama isuzuma ibibazo biri ku murongo w'ibyigwa w'inama ya mbere kandi ifata ibyemezo uko abanyamuryango bahari baba bangana kose.

Inteko Rusange ifata ibyemezo ku bwiganze busesuye bw'amajwi y'abanyamuryango bahari cyangwa bahagarariwe bafite ibyemezo.

Mu ibarurwa ry'amajwi, irya Peresida w'Inteko Rusange ni kamara.

**Ingingo ya 19 :**

Ubunyamabanga bw'Inteko Rusange bukorwa n'Umuyobozi uvugwa mu ngingo ya 20 y'aya mategeko shingiro.

Yandika Inyandiko mvugo z'amanama y'Inteko Rusange agashyiraho umukono ari kumwe na Perezida.

**IGIKA CYA 2 : INAMA Y'UBUYOBOZI**

**Ingingo ya 20:**

Umuryango uyoborwa n'Inama y'ubuyobozi igizwe na Perezida ari nawe Uhagarariye umuryango wemewe n'amategeko, Visi – Perezida akaba n'Uhagarariye umuryango wungirije wemewe n'amategeko hamwe n'abanyamuryango 5.

Bose batorwa n'Inteko Rusange, batorwa manda y'imyaka 3 ishobora kongerwa inshuro imwe.

Umuyobozi uvugwa mu ngingo ya 20 y'aya mategeko – shingiro atumirwa mu manama y'Inama y'ubuyobozi ariko nk'indorerezi. Icyo gihe aba ari Umunyamabanga.

**Ingingo ya 21 :**

Inama y'ubuyobozi isanzwe iterana ifite ubushobozi

The Board of Directors meets regularly and has extended powers to manage and administer all the Association's assets in conformity with concluded agreements. The Board is accountable to the General Assembly.

The mandate of the Board is the following:

1. to implement the general policy of the Association as indicated by the General Assembly;
2. to carry out the decisions of the General Assembly;
3. to adopt the organisational chart and the organisational structure of the Association;
4. to recruit and appoint, on merit, the Director General in charge of daily management of the activities of the Association and the staff as set forth under the organizational chart;
5. to appoint, promote or dismiss any member of the management team;
6. to present the financial statement of the allocation of resources for the financial year to the General Assembly;
7. to sign with all the individual and legal entities members of the association or through particular conventions for the good functioning of the association ;
8. to examine any other issue not provided for by the law or this constitution to any other organ.

The Board of Directors may delegate some of its mandatory powers to the Director in charge of the daily management of the Association's activities.

**Article 22:**

The Board of Directors meets once every three months, convened by its Chairperson and as many times as may be necessary in the interests of the Association.

The required quorum for the meetings shall be five (5) of its members. The Board's decisions shall be passed by a simple majority.

The Board may invite to its meetings, in an advisory capacity, any other person able to contribute to the achievement of the Association's objectives.

**Article 23:**

busesuye bwo gucunga no gukurikirana umutungo w'umuryango hakurikijwe amabwiriza yashyizweho umukono. Igira ibyo ibazwa n'inteko rusange.

Ifite inshingano z'ingenzi zikurikira :

1. Gushyira mu bikorwa gahunda rusange y'umuryango yateguwe n'Inteko Rusange.
2. Gushyira mu bikorwa ibyemezo by'inteko rusange
3. Gutegura inzego n'imikoranire yazo y'umuryango.
4. gushyiraho binyurije mu ipiganwa Umuyobozi ushinzwe igenzura rya buri gihe ry'ibikorwa by'umuryango n'abandi bakozi bateganywa n'imikoranire (organigramme)
5. Gushyiraho, kwemeza izamurwa mu ntera no kwirukanwa kw'abakozi b'umuryango
6. Kugira inama inteko rusange uko izakoresha inyungu z'umwaka ushize
7. Gusinya cyangwa kudasinya amasezerano yihariwe n'abantu ndetse n'imiryango bigamije gutuma umuryango ukora neza.
8. Kwiga ikindi kibazo cyose kidateganywa n'amategeko cyangwa amategeko shingiro.

Inama nyobozi ishobora guha zimwe mu nshingano zayo Umuyobozi mukuru ushinzwe igenzura rihoraho ry'ibikorwa by'umuryango.

**Ingingo ya 22:**

Inama nyobozi iterana buri gihembwe ku butumire bwa Perezida n'igihe cyose bibaye ngombwa kubera inyungu z'umuryango.

Umubare wa ngombwa kugira ngo inama iterane ni abanyamuryango 5. ibyemezo by'inama Nyobozi bifatwa ku bwiganze busesuye bw'amajwi.

Inama Nyobozi ishobora gutumira mu buryo bw'indorerezi umuntu wese wafasha mu gutuma intego z'umuryango zigerwaho.

**Ingingo ya 23:**

Uhagarariye umuryango wemewe n'amategeko niwe

The Legal Representative is the mandated authority to represent the Association in government and private bodies, national as well as international.

In case of his/her absence or unforeseen difficulty, he/she will be replaced by the Deputy Legal Representative.

This mandate may be delegated where appropriate to the Director in charge of the daily management of the association's activities.

**Section 4 : The Management Team**

**Article 24:**

The Management team is under a Director General and deals with the daily management of the association's activities.

**Article 25 :**

The Board of Directors appoints and sets a criteria upon which the Director General is appointed.

**Article 26 :**

The management team is composed of technical staff whose organizational structure will be set by the internal rules and regulations. Day-to-day operation modalities are determined by the rules of standard operations manual.

**Article 27 :**

Functioning and auditing procedures are determined by internal regulations and the manual of administrative and financial procedures.

**CHAPTER IV : ASSETS AND RESOURCES OF THE ASSOCIATION**

**Article 28:**

The Association may hold, be it by possession or by ownership, movable and fixed assets necessary for the achievement of its objectives.

**Article 29:**

The association's resources are notably composed of:

uvuganira umuryango mu nzego za leta n'izigenga zaba izo mu gihugu imbere cyangwa inyuma.

Iyo adahari cyangwa atabonetse asimburwa n'uhagarariye umuryango

Ubwo bubasha bushobora guhabwa rimwe na rimwe umuyobozi ushinzwe imicungire ya buri gihe y'ibikorwa by'umuryango.

**IGIKA CYA 3 : UBUYOBOZI BUKURU**

**Ingingo ya 24:**

Ubuyobozi bukuru bukorwa n'umuyobozi mukuru akaba ariwe ugenzura imikorere ya buri munsi y'ibikorwa by'umuryango.

**Ingingo ya 25:**

Umuyobozi mukuru ashyirwaho n'Inama y'ubuyobozi ishingiye ky bisabwa yashyizeho.

**Ingingo ya 26:**

Ubuyobozi bukuru bugizwe n'abakozi ba tekiniki, imikoranire yabo izateganywa n'amategeko ngenga mikorere ashingiye ku mategeko agenga umurimo ariko ubu.

**Ingingo ya 27 :**

Imigendekere y'imirimo iteganywa n'amategeko ngengamikorere ndetse n'igitabo kirimo amabwiriza y'imikorere n'imicungire y'akazi

**UMUTWE WA IV : UMUTUNGO W'UMURYANGO**

**Ingingo ya 28 :**

Umuryango ushobora kugira umutungo wimukanwa cyangwa utimukanwa wa ngombwa wa bwite cyangwa wimukanwa wa ngombwa kugira ngo ugere ku ntego zawo.

**Ingingo ya 29 :**

Umutungo w'umuryango ugizwe cyane cyane n'ibintu bikurikira :

1. Contributions from members;
2. Subsidies from the Government of Rwanda;
3. Proceeds from the activities of the Association;
4. Donations, legacies and gifts.

**Article 30:**

The financial year starts on January 1st and ends on December 31st of the same year.

**Article 31:**

The Association shall keep its books in accordance with the national accounting Plan. Accounts shall be finalized and settled as of December 31st each year. The financial year is closed and the inventory is prepared by the Director in charge of the daily management of the association's activities.

**CHAPTER V : AUDITORSHIP**

**Article 32:**

Each year external auditors shall be appointed and by the Board of Directors on the basis of open competition through tender procedures defined by the Association.

**Article 33:**

The external auditor shall review and verify the management of finances and general procedures of the association and submit their findings to the Board of Directors thereto.

The external auditors shall have free access, unhindered access to the books of accounts of the Association.

**CHAPTER VI : CONSTITUTION AMENDMENT**

**Article 34:**

Any or all amendments to this constitution, contemplated by changing circumstances shall first be presented to the members of the General Assembly a full calendar month before a meeting is held to pass it. The final change(s) may only be decided on and adopted by absolute majority of its

1. Imisanzu y'abanyamuryango
2. Imfashanyo za Leta
3. Inyungu z'ibikorwa by'umuryango ;
4. Impano, indagano n'ibindi bintu uhawe.

**Ingingo ya 30 :**

Umwaka utangira ku itariki ya mbere Mutarama ukarangira ku itariki ya mirongo itatu n'imwe ukuboza kw'uwo mwaka.

**Ingingo ya 31 :**

Umuryango uzakora ibaruramari ukurikije amategeko y'ibibarurwa y'u Rwand. Ibitabo bibumbwa ku itariki ya 31 Ukuboza. Umwaka urarangizwa, ibarurwa rikorwa n'umuyobozi mukuru ushinzwe imicungire ya buri gihe w'ibikorwa by'umuryango.

**UMUTWE WA V : UBUGENZUZI BW'IBIBARURWA**

**Ingingo ya 32:**

Buri mwaka ubugenzuzi bw'ibibarurwa bukorwa na biro y'ubugenzuzi buvuye hanze byemewe n'Inama y'Ubuyobozi binyuriye ku ipiganwa hakurikijwe amabwiriza y'itomoza ry'ako kanya ryateguwe n'umuryango.

**Ingingo ya 33 :**

Biro ishinzwe kugenzura imicungire y'imari y'umuryango no guha ibyifuzo n'amabwiriza inteko rusange
Biro ntaho ihejwe bitayigoye ku mpapuro z'imibare z'umuryango.

**UMUTWE WA VI IMIHINDURIRE Y'AMATEGEKO SHINGIRO**

**Ingingo ya 34 :**

Imihindurire iyo ariyo yose y'amategeko shingiro ishyirwa ku rutonde rw'ibyigwa n'inteko rusange bikohererezwa abanyamuryango byibuze ukwezi mbere y'uko iterana kandi bikemezwa n'ubwiganze bw'amajwi y'abanyamuryango bose b'Umuryango.

effective members.

**CHAPTER VII : DISSOLUTION AND LIQUIDATION**

**Article 35 :**

The dissolution of the Association shall be decided in a specially convened meeting of the General Assembly.

It shall be composed of at least three-fourths (3/4) of its effective members. The dissolution may only be confirmed by at least two-thirds (2/3) majority of the association's effective members.

**Article 36 :**

Without prejudice to article 27 of the present constitution and concluded agreements, in case of the dissolution of the Association, its assets shall be transferred to any other non-profit-making association having similar objectives.

**Article 37:**

The General Assembly shall meet in accordance with the statutory provisions and shall appoint three (3) liquidators for that purpose.

The liquidation shall put an end to the mandate of the Board of Directors.

**CHAPITER VIII : FINAL PROVISIONS**

**Article 38:**

Apart from this constitution, the Association shall have Internal Regulations and a Procedures' Manual.

**Article 39:**

For all provisions not provided for in the present constitution and in the internal regulations, the laws and regulations governing non-profit making organizations in force in Rwanda shall apply.

Done at Kigali, on …………

**UMUTWE WA VII : ISESWA N'IYISHYURWA RY'IMYENDA**

**Ingingo ya 35 :**

Inteko rusange ifata umwanzuro wo gusesa umuryango ihamagazwa mu buryo budasanzwe.

Igomba kuba igizwe na 3/4 by'abanyamuryango nyirizina. Iseswa ryemezwa n'ubwiganze bwa 2/3 by'abanyamuryango b'umuryango.

**Ingingo ya 36:**

Bitanyuranije n'ingingo ya 27 y'aya mategeko shingiro n'andi mabwiriza yashyizwehp umukono, mu gihe cy'iseswa ry'umutungo w'umuryango wegurirwa Leta y'u Rwanda.

**Ingingo ya 37:**

Iyishyurwa ry'imyenda rikorwa n'abahombozi batatu (3) bagenwe n'Inteko Rusange ; yabashyizeho ikurikije amategeko shingiro.

Iyishyurwa ry'imyenda rihagarika manda y'abagize Inama y'ubuyobozi.

**UMUTWE WA VIII INGINGO ZISOZA**

**Ingingo ya 38:**

Uretse amategeko shingiro, umuryango ugira amategeko ngengamikorere n'amabwiriza agenga imiyoborere n'acunga imari.

**Ingingo ya 39:**

Izindi ngingo zidateganyijwe muri aya mategeko shingiro n'amategeko ngengamikorere, umuryango uzibanda ku mategeko n'amabwiriza agenga imiryango idaharanira inyungu. akurikizwa mu Rwanda.

Bikorewe i Kigali, ku wa 22 Gashyantare 2005

| | |
|---|---|
| **For KING FAISAL HOSPITAL, Kigali**<br><br>Legal Representative<br>**Dr. BINAGWAHO Agnes**<br><br>Deputy Legal Representative<br><br>……………………………………………. | **Ku bw'Ibitaro by'Umwami Faycal, Kigali**<br><br>**Uhagarariye Umuryango wemewe n'Amategeko**<br><br>**Dr. BINAGWAHO Agnès**<br><br>**Uhagarariye Umuryango Wungirije wemewe n'Amategeko**<br>……………………………………………….. |